0345

K0141882



| | | |
|---|---|---|
| *IDENTIFICATION* | : | ***RTLM 0345 du 04/03/94 (1ère partie)*** |
| *DURÉE* | : | ***60 minutes*** |
| *QUALITÉ* | : | ***Bonne*** |
| *TRANSMISSION* | : | ***Radio RTLM*** |
| *NOM DU FICHIER* | : | ***RTLM 0345*** |
| *DATE DE TRANSCRIPTION* | : | ***Le 14.10.1999*** |
| *NOM DU TRANSCRIPTEUR* | : | ***MUSHONGANONO Béatrice*** |
| *DICTAPHONE* | : | ***BO-760/49 MODELE: 2750-6 SERIE: 516565*** |

**FACE A** (suite du 03/03/94, 04/03/94 "1ère partie").

*ORATEUR: BAMERIKI Valerie*

Guverinoma y'Inzibacyuho y'ubu iyobowe na Madamu UWIRINGIYIMANA Agata, bamutegetse ko agomba guteranya inama ya ba Ministre bidatinze ariko kandi kugeza ubu nta nama n'imwe

n'imwe tuzi yari yateranya y'abo ba Ministre, tukaba gusa dukomeje kumva andi manama yitabira nk'iriya kugeza ubu tutaramenya akamaro kayo. Niba rero iriya nama yateranye ari mu rwego rw'amashyaka ari muri iyi Guverinoma, nabyo ntabwo ari byo kuko FPR ntiyayigiramo uruhare maze ngo MRND iyiburemo. Hari ndetse n'abadatinya kwemeza ko FPR n'ishumi zayo arizo ziriya bakoranye iriya nama, amasezerano y'amahoro bayajugunye mu kimoteri bakaba bariho bikorera plan yabo naho twe tukaba tukigendera kuri ayo masezerano y'amahoro ya Arusha mu by'ukuri bo usanga ko bagenda basa nk'aho bayataye rwose bakikorera ibyabo. Ya Abayobozi b'amashyaka ari muri iriya Guverinoma batari bari muri iriya nama nk'uko nabibabwiye, ntabwo bari babiyizi ndetse bamwe nashoboye kuvugana nabo bantangarije ko baticaye ubusa, ko nawe bariho bakurikirana iby'iriya nama ko kandi bariho bakora nabo bakaba biyemeje kugira ikintu bashobora kuzatangariza Abanyarwanda vuba, yaba uyu munsi cyangwa ezo cyangwa ejo ariko mu minsi ya vuba.

Turiho turabikurikiranira hafi rero, kugira ngo tumenye neza icyo iriya nama yari igamije n'icyo abandi biteguye gukora kuko byose ntabwo Umunyarwanda yari akwiye guhezwa mu bintu byose biriho bikorwa mu rwego rwa politike, cyane cyane ariya mashyaka tuvuga ko agomba kuduhagararira mu nzego, abo bantu bari bakwiye kugira ibyo ba batangariza Abanyarwanda byumvikana, naho ubundi ndetse hari n'abemeza ko ibyavugiwe kuri radiyo bishobora kuba atari byo ariko ibyo turacyabikurikirana kugira ngo tubanze turebe. Ubu rero ndacyakomeza kubashakira amakuru, ikintu cyose ndi bumenye kuri bi kuri iriya nama ndaba nyigeza ku ba ku ba... ntu bose bumva RTLM.

Ubu rero dufite mu... muri Stidiyo zacu, saa sita ishigaje iminota cumi n'itanu. Ndashimira mugenzi wanjye Emmanuel NKOMATI wari umpaye aka kanya, ubwo namusubiza ijambo jye tukaraba turi buze ku... guhura nimugoroba.

*ORATEUR: NKOMATI Emmanuel*

Urakoze... uh (inaudible) igice... cya FPR n'ikindi gice uh, uti "kandi... biragaragara ko abo bantu, abo bantu ba FPR na FPR ku isonga amasezerano ya Arusha bayateye mu kimoteri, bakaba barimo gutegura ibindi tutazi. Aha... ntabwo byoroshye, ntabwo byoroshye rwose. Uti "kandi n'ibyumvikanye kuri Radiyo Rwanda bishobora kuba atari byo, hashobora kuba ari ibinyoma" ha... turabikurikirana

hafi uko tugenda tubimenya niko turushaho kubavunguriraho.

Reka twumve ... (Hymne Nationale... 2.9... 3.5)

*ORATEUR: BAMERIKI Valerie*

RTLM mwaramutseho? Ubu dufite saa mbili n'iminota icyenda muri Stidiyo zacu.

Nk'uko mwabyumvise rero Radiyo yacu Radiyo y'Abanyarwanda bose, yatangiye ibiganiro byayo by'uyu munsi. Ubu rero mwese muri buze kuyikurikirana kuva... kuri iyi saha tubitangiriyeho kugeza saa sita. Kuri iyo saa sita turi buze guhagarika ibiganiro byacu twitegura kongera kuza kubisubukura saa kumi n'ebyiri. Muri iki gitondo rero nabamenyeshaga ko muri kumwe na eh... na BEMERIKI Valeriya ari we muriho muvugana muri aka kanya, ku buhanga bw'ibyuma nkaba... ndi kumwe na NTEZIMANA Yohani. Ubwo rero turagumya tubagezeho ibiganiro, ibiganiro byacu muzi ko biba birimo ibice byinshi, harimo amakuru agenda atugeraho n'ayo twaba twararanye dushobora kugenda tubagezaho, ayo makuru kandi tukajya tugenda tuyasimburanya na... n'ubutumwa bw'abantu bose bakunda RTLM bakiyemeza kubunyuza kuri iyi Radiyo, Radiyo yumvwa n'abantu bose.

Rero nagira ngo nsuhuze abantu bose abo muri Kigali, Kigali y'umujyi ndabasuhuza, za Segiteri zose zikoze eh... Perefegitura y'umujyi wa Kigali, ndasuhuza abantu bose ndasuhuza hariya i Gikondo, ndasuhuza Kimisagara ndayisuhuza aho ku Ntaraga mwese mukomere, ndasuhuza Kigali Ngali, ndasuhuza... eh Gitarama, Butare, Gikongoro, ndasuhuza Cyangugu batwumva neza nta munsi ushira nta muntu w'i Cyangugu udutelefonnye buri gihe bahora badutelefona batubwira uko bumva Radiyo RTLM, ndetse bakagenda banatugezaho amakuru. Ndasuhuza Abanyakibuye bose, ndasuhuza Abanyagisenyi, ndasuhuza Abanyaruhengeri, ntabwo nakwibagirwa ndetse no gusuhuza Byumba na Kibungo. Aho muri hose rero mutwumva, nabifuriza gukomeza kumva ibiganiro... bya Radiyo RTLM murabona ko haramutse na none i umuvumbi nk'uw'ejo, ntabwo hashyushye turangera tubashyirireho umuziki ushobora gutuma mushyuha mu ndetse mu... munabishoboye mugahaguruka rwose mukawutamba, uwo muziki nawo urahari ubwo rero ibiganiro byacu mu murumva ukuntu biri bugende bo bikurikirana, nkaba mbifuriza umunsi mwiza mukomeze munogerwe n'ibiganiro bya RTLM. Ubu nasaba rero... radiyo ibyo RTLM ivuga, noneho muze kubiduha abantu bakabifata uko bishakiye nyamara kandi izindi Radiyo zikavuga, nk'ubu hari... Radiyo ya "Voix d'A d'A de

l'Amerique", abantu Abanyarwanda bakunze kuyivugiraho rwose bakavugaho, bakayi yivugiraho amateshwa ugasanga ibyo bavuga ari ibintu gusa bishaka guteranya Abanyarwanda. Hari Abanyarwanda benshi rero bayikurikira bakayumva, ndetse siyo gusa mu minsi yashize igihe eh Ministre CLASS w'Umubiligi yari ari ino aha mu Rwanda, hari Abanyamakuru nabo bazanye na we harimo Umunyamakuru witwa eh... witwa... Jean François Martin, uri go kuri Radio Télévision ya... y'Ububiligi yitwa RTL mu... ki mu magambo ahinnye, nawe hari amagambo menshi yagiye atangaza cyane cyane ku Banyarwanda ndetse ugasanga koko aba ashaka, baba bashaka gushyamiranya Abanyarwanda. Ubwo rero ndaza... kubagezaho muri make ibyo bintu abo bantu bagenda bavuga ndetse n'icyo Abanyarwanda bumva ayo Maradiyo babitekerezaho. Ubwo rero mugasanga ko eh... iyo abantu bavuga bati... "kanaka arashaka... guteza umwuka mubi nta bimenyetso afite bigaragara, aba ashaka kubeshya nyamara kandi hagati aho na none sinabura kubamenyesha ukuntu tubona abantu badutelefona ndetse baza no kutureba hano ndetse bohereza n'amabarwa, bashimira Radiyo RTLM muri iyi minsi... imaze kuva tariki ya makumyabiri na kabiri, muribuka ko rwose radiyo yakoze uko bisanzwe muribuka ko twagiye tubagezaho ibintu ukuntu byifashe ndetse tubabwira umutekano tumeze gutya na gutya aha n'aha, tukababwira ahari ikibazo n'ahatari ikibazo kandi abantu... barabyiboneye rwose, abantu rero baragumya ba gutelefona batubwira bati "turashimira iyo Radiyo kuko iyo itahaba imvururu ziba zarabaye eh ziba zarabaye mu gihugu, ubu ntabwo tuzi uko u Rwanda ruba rumeze ubu u Rwanda rwari kuba rwarabaye umuyonga".

Abantu rero baragumya kudutelefona, abantu baragumya kutwandikira badushimira icyo gikorwa twakoze, ko ndetse abantu hariho abantu bari bahagurutse bashaka gushyamirana ariko bakumva Radiyo RTLM ibyo isobanuye bagahita bifata ndetse benshi muri abo bantu nabo, baraza bakabitubwira bati "mwene SEBAHINZI yari agiye kuhagwa kandi ariwe ubyiteye". Benshi ni uko rwose batubwira ntabyo mpimba nta n'ibyo... rwose nahimba kuko nzi ko abenshi babitangaje. Ubwo rero nkaba... nshaka kubabwira ko RTLM ubundi atari cyo igamije cyo kugira ngo iteranye abantu, ibibe imbuto imwe eh ngo imbuto mbi imbi nk'uko eh... Abanyepolitike bakunze kubyita wenda ni uko basanga akenshi iba ivugisha ukuri, ukuri igihe bo baguhisha ntibakubwire Abanyarwanda ugasanga baraguhisha. Ubwo ntacyo ariko ndaza kuza kubibasobanurira mu gihe cy'amakuru ni amakuru naramuka aje kuko, mfite ubutumwa bwihutirwa cyane ntabwo narenga ubutumwa

K0141886



bw'abatwumva, nagira ngo mbanze mbubagezeho hanyuma tuze kugenda tubagezaho ayo makuru.

Ku byerekeranye n'ishyaka rya PL igomba kujya mu nzego y'Inzibacyuho yaguye.

Mwiyumviye rero ko Bwana NDASINGWA Landouard yaje kwemera Abadepite batandatu, ariko akaba yarasabye ko bamuha Ministère ibyiri. Izo muri izo Ministères ebyiri akaba yaratsimbaraye cyane kuri Ministère y'Ubucamanza. Aha rero twaje guhabwa ibisobanuro n'abantu bakurikiranira hafi ibya politike, hari Rédacteur en Chef wa RTLM Bwana Gaspard GAHIGI, mwiyumviye icyo yabivuzeho, ukuntu Bwana Landouard ashaka iriya Ministère y'Ubucamanza, hakaba Ministère y'ubu yi... y'Ubutegetsi bw'igihugu n'Amajyambere ya Komine yari yafashwe n'Inkotanyi mu mishyikirano ya Arusha murabizi, hakaba ndetse na Gendarmerie iri mu maboko y'Inkotanyi nayo... Inkotanyi zizategeka, hakaba rero n'iyo Ministère bashakaga kandi tukaba tuzi ko PL ya Lando ndetse na Lando ubwe ari umuntu uri mu kwaha kwa FPR, n'izindi shumi zose murazizi bafatanyije, ubwo rero murumva ko izo Ministères zose zigiye muri ayo maboko igihugu ntaho, ntaho cyaba gisigaye kuko ubutegetsi bwaba buvuye mu maboko ya rubanda nyamwinshi, bukaba ru bugiye mu... gatsiko k'abantu bakeya gusa bifuza kugira izo Ministères kuko izo Ministères ari Ministères zikomeye mu gihugu, uwaba azifite mu by'ukuri yaba yifitiye igihugu cyose.

Ubwo rero na nimugoroba twabagejejeho ikiganiro Ministre MUGENZI nawe yagize ya... tanze ku bitekerezo, yatanze ibitekerezo by'ukuntu yumva iriya mvugo ya Landouard.

Ubu rero muri aka kanya ngiye kubagezaho ikiganiro... nagiranye na... Gaspard GAHIGI, kuri ibyo... icyo giteke kuri icyo cyifuzo jye nise inzozi, ni inzozi kuko sinzi niba abantu babona abandi bakumva ko bo badatekereza, ntabwo... twakwemera ko rwose iriya Ministère yagenda niba twarabemereye ziriya ntabwo bari bwiye gukabya ngo umuntu yumve ko byanze bikunze, n'iyo... Ministère bita "Ministères z'ubusugire, iyo twari dusigaranye cyangwa se yari isigaye mu ishyaka iri n'iri eh, PL... ya Lando igomba kuyi kuyikubira. Aha rero ntabwo mbyumva rwose bari bakwiye gutekereza bakumva ko twese dutekereza ko tuzi ubwenge, bakemera ibyo amasezerano ya Arusha ivuga kuko de déjà biriya avuga ati "iriya Ministère arayishaka ntaho biri mu ma... mu masezerano ya Arusha" nibyo twavugaga tuti bamwe basa n'aho Ministè eh nk'aho ariya masezerano ya Arusha bayataye mu kimoteri, bakaba bariho bikorera izindi plan twebwe tutazi. Ubwo rero ni imitego iriho igenda

yigaragaza, yigaragaza buri munsi kurushaho ni ukuvuga ko natwe tugomba kuba maso tukagerageza gukoma imbere ibitekerezo bimeze nka biriya, ziriya nzozi tukagerageza kujya tuzirotora ntawe tubangamiye kandi nawe tudashaka ko atubangamira mu kwishyira ukizana kwacu, niba yishyira akizana nareke na twe
twishyire twizane yeye kumva ko aza agomba gu kwikubira ibintu byose. Aha rero ndasaba ko badushyiriraho ijambo GAHIGI Gaspard ejo yasobanuye mu kiganiro twagiranye, nkwaba nsaba Abanyarwanda bose aho bari ko bakurikirana kiriya kiganiro.

Eh, Bwana GAHIGI muri iki gitondo nako si mu gitondo ni mu makuru ya saa sita na mirongo ine n'itanu, eh... Ministre NDASINGWA Landouard yaba yemeye ko ya yemera Abaministre batandatu ariko bakamuha Ministères ebyiri, muri izo Ministères ebyiri rero akaba atsimbaraye kuri Ministère y'Ubutabera. Kuri mwebwe murabona icyo gitekerezo cya Ministre NDASINGWA gihishe iki?

_ORATEUR: GAHIGI Gaspard_

Eh igitekerezo... cya... Ministre NDASINGWA, urebye icyo gihishe ni ibitekerezo by'Inkotanyi, nta kindi ni ibitekerezo by'Inkotanyi uzi... Lando akivuga ko ashaka Abaministre... cumi n'umwe nako, ibihe... mu nama yashoje eh... imishyikirano Perezida wa Repubulika yagiranye na Comités directeurs z'amashyaka tariki makumyabiri n'indwi Gashyantare, bavuga ko igice cy'ishyaka PL cyangwa MDR kitemeye, kitazemera imyanzuro ivuye muri iyo nama kizabaga kikifasha ibyo bise mu Gifaransa "prendre ses responsabilités".
Icyo gihe wumvise ko Inkotanyi zahise zivuga ko zitazajya muri Guverinoma Landouard atabonye Abadepite cumi n'umwe.
Uyu munsi rero aravuga ati "noneho batandatu ndabemeye", abemeye kubera ko amahanga yashakuje eh... ndetse na Bwana... Jacques Roger BOH BOH agahuguruka akajya ku Mulindi akababwira ati "mukwiye gushyira mu gaciro mukumva ko ibintu by'ubwumvikane ari byo byatuma amasezerano ya Arusha ashyirwa mu bikorwa".
Ubwo rero njye nkatekereza ko ukwemera Abadepite batandatu byavuye koko ku... kuri pression; kuri pression y'amahanga bashyize kuri FPR bakayishyira no kuri Lando, kuri pression y'abaturage

ya "opunion nationale" y'uko abaturage bavugaga bati "Lando na FPR barakabije".

Ubwo rero icyo Lando yitsitsa avuga ko ashaka izo Ministères ebyiri cyane cyane Ministère y'Ubutabera ni iki, ngira ngo ni cyo na... shakaga kwibandaho, ni uko koko Lando akomeza kugaragaza ko avugira mu kwaha kwa FPR, ko avugira uh... F eh FPR mbese ko ari nk'umuzindaro FPR ivugiramo.

Kugira ngo rero ashake Ministère y'Ubutabera, ni uko nk'uko twakunze kubivuga FPR n'aba...mbari bayo bashaka nyine ku... kontrola (contrôler) kudomina (dominer) gutegeka iyi Nzibacyuho, bikazava bikazabaviramo nyine gutegeka u Rwanda na nyuma y'Inzibacyuho.

Bati "turashaka Ministère y'Ubutabera". Kuki? Kuko uzi ko FPR Inkotanyi ifite Ministère y'Ubutegetsi bw'igihugu, ni Ministère bita Ministère de Souveraineté," kandi FPR ikintu badakunda kuvuga baravuga ngo eh... ngo Ministère y'ingabo ngo ni iya MRND ariko ntabwo ari byo ijana ku ijana, uzi ko ubutegetsi bwa... bwa Ministère y'ingabo bugabanye uretse Ministre ubundi butegetsi buragabanyije, ubutegetsi bwo hejuru ni... mirongo itanu ku ijana bugizwe na... n'igice cyo mu gihugu sinavuga... MRND kuko ubundi bavuga ko abasirikare batari mu ishyaka, niba wari uzi ko mirongo itanu ku ijana bazaba ari aba FPR mirongo itanu ku ijana ari Abanyarwanda basanzwe mu gihugu.

Ugasanga rero ibyo kuvuga ko iyo Ministère y'Ubusugire ari iya MRND atari byo, ndetse no mu ngabo FPR ifitemo mirongo ine ku ijana, ugasanga rero igihe FPR ifite Ministère y'Ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komine, ikagira igice cya Ministère y'Ingabo ikaba ishaka indi Ministère y'Ubusugire, Ministère Ubutabera, ikaba FPR ifite Vice-Premier Ministre ndetse wabona na... RUKOKOMA uko yitwaye, ntabwo twatinya kuvuga ko na Ministre w'Intebe ari uw'Inkotanyi, ndetse urebye uko amashyaka yitwara muri iki gihe yaba PL yaba PSD, uzategeka Inteko ishinga amategeko y'Inzibacyuho na we azaba abogamiye ku ruhande rwa FPR.

Ugasanga rero FPR koko ishaka kwitwarira ubutegetsi bwose muri iyi nzibacyuho noneho andi mashyaka urundi ruhande ruga... rukaviramo aho.

Ubwo rero ukabona ko FPR ifite Ministère z'Ubusugire, ugasanga ni sinzi niba wibuka ko Gendarmerie izaba ifitwe na FPR, sinzi niba uzi ko mu Ngabo z'igihugu abantu bita "G2" ni ukuvuga abantu bashinzwe iperereza mu gisirikare, izo za "G2" azaba ari uwa FPR. Umuntu ushinzwe iperereza mu buryo bwa gisirikare azaba ari umuntu w'Inkotanyi. Umuntu... bita "G3" ni ukuvuga

umuntu ushinzwe za "opérations militaire" azaba ari uwo mu Nkotanyi, ukumva se Inkotanyi zifite izo Ministère zahawe Arusha zikongeraho i...yo y'Ubutabera zishaka, zikongeraho iyo ubutegetsi nakubwiye bya bwa gisirikare ubwo urumva se byagenda bite? Ni ukuvuga ko ubutegetsi bwaba bwafashwe byarangiye. Tukumva rero koko mu byerekeye urabona ibyerekeye iperereza, ibyerekeye Sûreté, ibyerekeye Ubusugire FPR byose irashaka kubyikubira.

Ubwo rero iyo abantu bavuga ko bagabana baragabana koko, niba rero aho kugabana ari ugutanga nyine ubwo ndumva ubwo abagabana nibo basubiza njyewe nkavuga yuko, iyo musangira mutagomba umwe kwikubira undi ngo aviremo aho, niba bagabana nibagabane ariko FPR yo gushaka kwikanyiza. Ikindi navuga ni uko izi Ministères ukurikije amatwara ya FPR, ikagira Ministère de l'Intérieur igategura, ikaba ariyo izategura itegeko rizagenga amatora, ikagira Gendarmerie icyo ivuze cyose mu mashyaka FPR ikaba yayahagarika kubera Gendarmerie. I dore nakubwiye mu byerekeye iperereza rya gisirikare "opération militaire ari ibyayo, noneho yongeyeho Ubutabera se ni nde wakongera akavuga? Nkumva rero koko abantu bashyira mu gaciro, abantu bumva ko bagomba kugabana ubutegetsi bakabusangira bakwamagana biriya bintu byo kuvuga ngo... MINIJUST nihabwe FPR, kandi MINIJUST yahawe ishyaka PL, PL ikavuga ko ihagarariwe na MUGENZI ikavuga ko bakurikije amategeko, bakurikije amategeko ubundi Ministère n'Abadepite ari abayo. Bakavuga rero bati "reka tudohorere igihugu cye kuguma mu gihirahiro cya politike", noneho na n'ubwo Lando ari nk'ishami ryavuye ku giti reka twemere tuyihe ah... tumuhe, tumuhe Abadepite tumuhe n'Ubuministre, ari we akavuga ati "byanze bikunze ndashaka MINIJUST," kandi ari ishami ryavuye ku giti niko bimeze. Ukumva rero iyo Ministère y'Ubutabera abantu bashyira mu gaciro, ari amahanga ari abatura ari abaturage bari mu gihugu bari bakwiye kubwira Lando n'abo ahagarariye, bagafata Ministère babahaye ntibashake kwiba indi iri mu gihugu kuko ibyo nibibonwe by'ubujura bunyuze mu mayeri jye niko mbibona.

*ORATEUR: BEMERIKI Valerie*

Hanyuma se... Bwana Gaspard GAHIGI mwaba mutekereza iki kuri iriya nama yaraye ibaye, ikaba yari ihuriwemo ba Ministres b'Intebe bombi uko ari babiri ndetse hakaba harimo FPR n'ishyaka PSD Président waryo akaba yari arihagarariye Bwana NZAMURAMBAHO Ferederiko, PL bavuze ko yari

ihagarariwe na Premier Vice-Président wayo uwo Landouard NDASINGWA, PDC ikaba yari ihagarariwe na Président wayo ndetse bakaba banavuze ko MDR ndetse baje basubijeho bavuga ko ari MDR POWER, ko yari ihagarariwe na Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini. Eh... nyuma ariko Bwana TWAGIRAMUNGU Fawusitini yatangaje ko, bo kuri bo PL igomba kujya hanze ntize mu... nzego z'Inzibacyuho yaguye ikabanza ikarangiza ibibazo ifite. Kiriya kintu wowe wacyakiriye ute wacyumvise ute? Dore ko abaturage benshi bavuga bati "abantu a FPR n'abambari bayo amasezerano y'amahoro ya Arusha bayajugunye mu kimoteri naho bo barimo barikorera plans zabo abandi Banyarwanda batazi, bakazajya kubyibuka byararengeranye ndetse turiho tubona n'ingaruka nyinshi cyane". Icyo kintu mwebwe mwagitekereje mute?

*ORATEUR: GAHIGI Gaspard*

Njye numvise iyo nama ikintu natekereje ni uko navuze nti koko bwire ko biragaragaye, kandi birushijeho kugaragara ko muri iki gihugu harimo ibice bibiri, ko rero abantu babogamiye kuri FPR cyangwa banayikorera cyangwa ndetse babaye yo, bishyize hamwe bagakora inama njyewe ni cyo cyanyeretse ubanza n'abandi batekereza aricyo cyaberetse, abantu ntibagitinya ku mugaragaro kuvuga bati "twe dushyigikiye FPR reka dukore inama", iyo nama rero yabaye wanabisobanuye kare si ku buryo ntakwirirwa mbisubiramo iyo nama yabaye icyo igaragaza, ni uko igihugu cyacitsemo ibice bibiri uruhande rumwe rwishyize kuri FPR, urundi ruharanira nyine Repubulika ubwo rero eh bikaba byagaragaye bakavuga bati "twateranye", kuko ubundi ntawe nta kintu wambwira wowe cya... cya cyasobanura icyatumye inama iterana; ejo bundi ko bari bateranye bakavuga bati "dore uko bizagenda, dore uko Abadepite bazatangwa, dore uko Abaministre bazatangwa iyo nama yindi yari iy'iki? Irenze kuri iyo ngiyo kandi ikagi ika igahoza abantu bamwe ntibatumire abantu bose bari muri Guverinoma cyangwa bazagira Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye". Nta kindi rero byagaragaye ko abantu bifatanyije na FPR bakorana amanama ku mugaragaro ndetse na FPR yari irimo. None se iyo nama ya kuki batumiye mo FPR bakareka andi mashyaka nka MRND? Mba byatewe n'iki? Ni ukugaragara rero ko ni ukugaragaza ko nyine abantu bishyize hamwe ku ruhande rwa FPR basigaye bakora ku mugaragaro, bagakora inama ku mugaragaro. Gusa icyo nashakaga kuvuga nakongeraho ni uko ibyo bintu n'iyo bakora inama n'iyo bagira gute, bakwiye gushyira mu gaciro bakumva ko u

Rwanda rutuwe n'Abanyarwanda kandi ko n'iyo bibaza ko hari n'igice bahagarariye, ha n'abandi nabo kandi... njye nkeka ko ari nabo benshi amatora niyo azabigaragaza, ntabwo rero wavuga ko uhagarariye abantu ngo wibaze ko abandi badahagarariye abandi hanyuma eh wagira icyo uvuga ugakangisha kubura imirwano, ibyo bintu... ni ibintu njyewe mbona bizatugeza kure, sinzi niba wamenye... inkuru yangezeho, uzi ko iyo abantu bavuze ngo nitutabona ngo ibi ngibi ngo tuzubura imirwano, twabonye ikindi kimenyetso ntabwo gihuye n'ikibazo wambajije ariko nagira ngo nkubwire ko hari inkuru nabonye itubwira ko mu majyaruguru ya... ya ya Kivu mu ntara ya Kivu, Inkotanyi zirimo kongera gushomba abasore zibajyana muri Uganda mu Nkotanyi, bikaba rero bikorwa n'umugabo witwa KALINDA SEKWEKWE. KALINDA SEKWEKWE akaba ari we uri ku isonga mu gushomba abasore, noneho abo basore bakabajyana muri Bus (Bisi) ifite plaque numero KV mirongo itatu n'umunani makumyabiri na gatatu C. (KV 3823 C). Iyo bus rero ibavana kuri Goma ikabanyuza ahantu bita "i Bunagana" bakajya mu Bugande, benshi ngo baraturuka i Masisi abandi baraturuka mu Burundi. Ibyo bintu rero Inkotanyi iyo ziyasira, ubwo biranyibutsa n'Ikinyamakuru kitwa "The new vision" cyo mu Bugande cyasohotse none, cyasohotse none KAGAME yeyasira avuga ko bafite abasirikare ibihumbi makumyabiri (20.000), ko rero kubura imirwano no gufata ubutegetsi bitabananira.

Nkagira ngo rero icyo kinyamakuru cyasohotse none kivuga ibintu KAGAME yabivugiye hariya ku Mulindi, avuga ko ibi bintu... by'Inzibacyuho bo ntacyo bibabwiye, ko nibabima ibyo bashaka bazubura imirwano, ko bafite abasirikare ibihumbi makumyabiri ko rero nta kibazo. Ukumva rero ko barimo gushomba n'abandi kandi twavuze no mu Rwanda ko hari abatagisi (taxi) abajyana.

Niba rero koko bumva bo amasezerano ya Arusha ntacyo ya ababwiye bakaba bashaka intambara, ngira ngo... umuntu yarabivuze kenshi ushoje intambara siwe uyitsinda ubwo rero niba bibaza ko u Rwanda rutakigira abasirikare, ko u Rwanda rutagira abarutuye kuko nagira ngo nkubwire ko intambara y'iki gihe cyo bita "guerre moderne" eh... n'i... ntambara bita "guerre totale", irwanwa n'abantu bose si abasirikare gusa n'abaturage. Niba rero abaturage barakomeje guhunga Inkotanyi, ubabanza ngo wirukana umugabo kera ukamumara ubwoba, intambara rero niyubura bazamenye ko izarwanwa na bose kandi uwizera ko azayitsinda wenda yazabaga akifasha.

*ORATEUR: BEMERIKI Valerie*

... ibitekerezo byuzuyemo inyigisho ndetse bisobanuye neza, bisobanuye neza ku buryo buri Munyarwanda wese yumva aho ukuri guherereye mu gihe Bwana NDASINGWA asaba ko bamuha Ministères ebyiri ziyongera ku Badepite batandatu, ndetse yabicuritse yabicuritse kuko ubundi bariya bari kuba a... ba MUGENZI, ariko we yashatse rero gufata Abadepite batandatu akaba yari yabyemeye kuko bari bamubwiye ko abaha baza bazamuha Abadepite batandatu na Ministère imwe bakaba barindwi, ariko... kwa...PL iga ku gice cya MUGENZI, bakabaha Abadepite batanu n'Abaministre babiri ubwo bose hamwe ni barindwi barindwi. Murumva rero undi we ko yashatse kugira umunani ku gihe undi mu gihe undi yaba afite batandatu! Murumva mwe ukuntu yaje yabikoze, hanyuma kandi wakurikiza na biriya bitekerezo byose Bwana Gaspard GAHIGI abagejejeho, mugasanga... ko mu by'ukuri harimo amayeri menshi yo kugira ngo nyine barebe ukuntu bakwikubira ubutegetsi bwose ne na za Ministères zose z'Ubusugire eh... z'igihugu. Aha rero ugasanga ko ibyu biriya bintu bitumvikana, kandi Gaspard GAHIGI amaze kubagezaho ingaruka zibyo bintu ndetse yagize n'icyo atangaza muri ya nama yabaye ejo bundi, igahuza Abaministre b'Intebe bombi eh... n'aba n'amashya amwe n'amwe arimo FPR wa Muryango wa FPR, PSD yari ihagarariwe na Perezida wayo NZAMURAMBAHO eh... eh MDR yari ihagarariwe na TWAGIRAMUNGU Fawustinin a PL ihagarariwe Lando na Landuard NDASINGWA, hanyuma na PDC yari ihagarariwe na NAYINZIRA. Ubwo rero mwiyumviye uko ibintu bimeze, hari abantu bakomeje... kugenda batelefona bavuga bati "biriya bintu ntabwo tuzabyemera", nibyo koko urasanga ko abantu benshi batazabyemera ariko kandi ugasanga ari ba bantu bagumya kuzana amananiza kuko niba na biriya yabyemeye FPR yo mwumvise ko ivuga ko yo ishaka ko Abaministre bose Abadepite bose uko ari cumi n'umwe, batangwa n'igipande cya NDASINGWA. Aha rero ugasanga haracyari ikibazo cyo kumenya rero igihe PL koko izashyirira mu gaciro ikumva ko n'ikibazo gituma inzego z'Inzibacyuho zitajyaho, zituruka eh muri PL. Aho ugasanga rwose abantu bashyiraho amananiza, ugasanga cyane cyane baraturuka ku gipande cya Lando eh... Landuard uriya uriho ukorera nyine mu kwaha kwa FPR ugasanga hombi ari FPR, ari na na NDASINGWA aribo bakomeza kuzana izo nzitizi kuzana, izo ngorane zituma izo Nziba cyuho, izo nzego z'Inzibacyuho zitajyaho. Ubwo rero ndi buze kongera kubasomera ko ibyo byose baba bakora, biragenda bituma umutekano nyine ugira n'aho twari twizeye ko... uriho ugaruka,

ahubwo ukayi ukongera ugasubira ibubisi cyane cyane muri za Segiteri zimwe zari na zimwe, nk'uko nimugoroba nabibabwiraga mvuga ngi hari uduce twinshi twa Perefegitire y'umujyi wa Kigali ubu umutekano rwose wagarutse ukaba umeze neza, hakaba utundi duke cyane twagendaga gusa aritwo umuntu asangamo utubazo tumwe na tumwe natwo umuntu ashobora kuba yarangiza, ariko kandi ugasanga ibyo bintu rero bakora biratuma abantu bamwe bashaka kwishongora ku bandi ko bafite ababashyigikiye bariho bavavuganira, ko ubutegetsi bagomba kubutwara ibintu nk'ibyo noneho abandi ntibabi ntibabyihanganire ugasanga baragira imitima barashyushya imitima barashyushya n'imitwe y'abantu, bagahaguruka bati "ibyo ntabwo natwe tubyemeye" ugasanga harava ubushyamirane ndetse abandi bakaza... kububira abandi, kububikira nka ninjoro bakaba babiba... umugono ndetse bakabahitana. Ubwo rero ndaza kubibagezaho, ndaza kubagezaho ibyabereye muri Secteur Kagugu ariko hagati aha mfite amatangazo... yihutirwa ngira ngo mbanze mbasomere nimara kuyabasomera ndabashyiriraho ikiganiro nagiranye n'umuntu wo muri iyo Secteur ya Kagugu, muri Komine Kacyiru ya Perefegitire y'umujyi wa Kigali maze mwiyumvire ukuntu abantu bariho bakomeje kwica abandi.
(Chanson ... de BIKINDI Simon. 4.5... 7.2)

**FACE B**

*ORATEUR: BEMERIKI Valerie*

... uru Rwanda nyamara ariko amatangazo ariho arakomeza kungeraho, mfite amatangazo yo kubika na none ndetse n'iryo kumenyesha ngira ngo mbasomere muri aka kanya.

Umuryango wa MAYOREKO RUGEMA RUGEMA, u uramenyesha ababyeyi, abavandimwe n'inshuti ko umugore we BANZIZIKI Espéransiya yitabye Imana ku wa kabiri tariki ya gatatu z'ukwezi kwa gatatu muri mirongo cyenda na kane. Bimenyeshejwe cyane cyane umuryango wa MAGERA utuye i Rushara eh... uwa Mariko RUGEMA utuye i Kigeyo Segiteri Nemba Komine Nyamugali, imihango yo kumushyingura iraba uyu munsi tariki ya kane z'ukwezi kwa gatatu mirongo cyenda na kane nyuma ya saa sita kwa MAYOREKO i Gahanga.
Inshuti n'abavandimwe basabwe gutabara.

Umuryango wa SEBURIMBWA Tadeyo utuye Segiteri Kira Kiraga eh, Komine Nyamyumba

Perefegitire ya Gisenyi, ubabajwe no kumenyesha inshuti n'abavandimwe ko uwo SEBURIMBWA ah... Tadeyo yitabye Imana ku wa kane saa kumi za nimugoroba, ni ukuvuga tariki ya gatatu z'ukwezi kwa gatatu mirongo cyenda na kane. Bimenyeshejwe cyane cyane NZAMWITA Melikiyoro ukora muri RIMONADERIE ku Kicukiro, BANZE Karoli ukora muri Air Rwanda, HABYARIMANA Sipiriyane wiga i Kigali, NZABONIMPA Jean Bosco ukora muri TABA RWANDA, na MUHAYIMANA Edmond uri i Kigali. Umurambo urashyingurwa uyu munsi tariki ya kane z'ukwezi kwa gatatu mirongo cyenda na kane saa munane. Musabwe kwihutira gutabara.

**Iryo kumenyesha ryo riragira riti**:

"Ngarambe Jean Marie Vianney uri muri Komine Kayenzi Perefegitire ya Gitarama, ararangisha ipikipiki SUZUKI A 100 spécial (A ijana sipesiyale) ifite plaque nimero WC 1289, nimero, nimero za moteri (moteur) ni cumi na rimwe mirongo inani magana ane makumyabiri na kabiri, (1180422), naho nimero za chassis ni nimero ni maga... ni mirongo inani na gatatu mirongo itandatu na kabiri mirongo ine na kane (836244), yibwe uwo mugoroba wo ku itariki wo ku wa kane tariki ya gatatu z'ukwezi kwa gatatu mirongo cyenda na kane, i saa tanu mu muhanda uva mu Gasyata ujya i Jali. Barasaba rero uwabona i iyo pikipiki kuyishyikiriza ubutegetsi bumwegereye, akazahembwa bishimishije.

Ubwo rero ni ayo matangazo nari mfite, ngitangira ibiganiro nababwiraga nyine ko tugenda tubagezaho amakuru ndetse n'amatangazo n'uko agenda aza turagenda tuyabashyikiriza, ariko amakuru mu kanya nari nabagejejeho ikiganiro twagejejweho na Bwana Gaspard GAHIGI, ubwo rero nababwiraga ko n'ubwo bwose bariya bantu bagenda badashaka ko inzego z'Inzibacyuho zijyaho, ugasanga hazamwo amananiza hakazamo ndetse n'amashe n'amacenga abandi bagamije kubura imirwano, ibyo bintu biragenda bituma umutekano, buri wese agenda a atawizera bihagije kandi ari nako ugenda uhungabana mudu mu mpande nyinshi cyane cyane z'umujyi wa Kigali. Aha narababwiraga kuva ejo ko hari ahantu rwose umutekano wagarutse neza n'ubu harahari, ariko hari utundi duce ugenda uba muke cyane ndetse abantu bakahata ubuzima bwabo, ugasanga barahitanwa n'abagizi ba nabi ku buryo budafututse ndetse ugasanga hari n'abategetsi bamwe na bamwe eh...

usanga ntacyo bibabwiye umuntu akabapfira imbere bikayoberana ukayoberwa ibyo ari byo, ubwo rero ubutegetsi bwari bukwiye guhaguruka bukareba ibyo bintu. Ibyo bintu rero byabaye hariya hakurya muri Segiteri ya Kagugu, ya Perefegitire ya... Komine Kacyiru ya Perefegitire y'umujyi u... wa Kigali.

Ubu rero tugiye gukurikirana ikiganiro twagiriwe n'umwe mu baturage ba Secteur Kagugu, atubwire ibyerekeranye n'urwo rupfu n'abantu bicwa, cyane cyane ko agaragaza ko abantu bicwa ari abantu bafite ibitekerezo byubaka, abantu bagaragaza ibitekerezo byabo babona ko bifitiye akamaro abantu, Abanyarwanda bose ariko aba bantu nyine bagitsimbaraye ko izo nzego z'Inzibacyuho yaguye zitajyaho, abantu bagishyigikiye ibitekerezo bya bariya ah... ba... Ministre... NDASINGWA na FPR, ugasanga barababuza uburyo bagashaka kubacecekesha, muri uko kubacecekesha ndetse bakahasiga ubuzima bwabo. Nimureke rero dukurikirane icyo kiganiro twumve uko byagenze muri Secteur Kagugu kandi ngo bimaze iminsi bihabera.
Eh... muri aka kanya... ndi kumwe... n'umugabo NDAHIRO Jean, aratubwira ukuntu umutekano wifashe muri si muri Secteur Kagugu muri Komine Kicukiro ya Perefegitire y'umujyi wa Kigali.

*ORATEUR: NDAHIRO Jean*

Murakoze Valeriya kuba mumpaye ijambo, muri Secteur ya Kagugu muri iyi minsi mu ijoro... ry'itariki ya kabiri ri ry'u z'ukwezi kwa gatatu rishyira iya gatatu z'ukwa gatatu, muri Serire ya Batsinda ntuyemo abantu bishwe mu buryo butumvikana neza, abantu bapfuye ni umugabo witwa NTEZIRYAYO A Agusitini, n'undi witwa RWAKAYIGAMBA n'undi witwa MUBILIGI Yohani Pierre Yohani Petero. Abo bantu rero ipfa ryabo ryabaye amayobera.
Gusa rero ntakabura imvano, umuntu witwa NTEZIRYAYO yagiranye ibibazo n'undi mu... turage witwa Yozefu ku buryo bwari buzwi n'abaturage, abo bantu bombi bakaba batuye i Batsinda muri Serire ntuyemo.
Yozefu rero yaje gutwara umuhoro wa NTEZIRYAYO mu mirwano bagiranye mu minsi ishize mbere y'uko baza kurwana mu ijoro ry'itariki ya kabiri rishira uwa gatatu, ku buryo abantu bemeza ko Yozefu yamu yagiye kwa... nako NTEZIRYAYO yagiye mu rugo rwa Yozefu mu ma saa mbiri

y'ijoro, akamutera ndetse akamutemera umugore ku buryo abantu bose babibonye ndetse bamujyanye kwa muganga; uko kurwana rero kw'abo bantu kwavuyemo urupfu rw'abantu benshi b'inzirakarengane, ndetse na NTEZIRYAYO abigwamo mu buryo butumvikana.

Byagenze bite rero? Ubwo bararwanye abaturage baraza barabakiza, NTEZIRYAYO abonye ko ashobora kumererwa nabi arahunga ahungira iwe, ku buryo abaturage bari baraye irondo bamusanzeyo kugira ngo bamusobanuze iby'ubwo bugizi bwa nabi bw'uko yari yateye abantu akanabakomeretsa. Ageze iwe rero eh... ubwo ngubwo abantu barakomeje... baramubaza Konseye wa Segiteri Kagugu yaje kumusanga muri ibyo... muri ibyo... bibazo, asaba abaturage ko bamumuha akamushyikiriza ubutegetsi nk'uko navuganye na Konseye ubwe, yambwiye ko bageze mu nzira abaturage bamwambuye NTEZIRYAYO bakamwica mu gihe cy'ama saa ine ya ninjoro.

Umuntu amaze gupfa, umurambo bawuta aho baritahira gusa Konseye abwira abaturage ko bazaza mu... gitondo bagafata abantu bakekagwaho ko baba bari bafatanyije na NTEZIRYAYO ba mu kuba barageze baragiye mu rugo rwa Yozefu.

*ORATEUR: BAMERIKI Valerie*

Uwo... Konseye yitwa nde?

*ORATEUR: NDAHIRO Jean*

Yitwa "RUDASINGWA Yohani Batisita".

Bageze mu rugo rwa NTEZE... mbese ba baratashye Konseye asaba abaturage bose ko bataha, bakazagaruka mu gitondo ndetse baka bagakurikirana n'a n'abo nyakwigendera yari amaze kuvuga. Abo bavuga ngo yari yavuze, hari harimo umuntu witwa MUGABO batashoboye kubona muri iryo joro. Abantu baratashye ariko agaco k'abagizi ba nabi bayobowe n'umuntu witwa RUZIGANA Eulade, kaje gukora irindi rondo ryaba ryaratangiye nyuma y'amasaha ya saa cyenda z'ijoro.

Nk'uko nashoboye kubimenya, RUZIGANA uwo nguwo yagiye kubyutsa abantu benshi ariko cyane cyane avuga uwitwa RWAGATORE, uwitwa GAKWERERE, uwitwa MUGABO na HABIMANA bo kwa MBURABUZA, umuntu witwa MUSENGIMANA Karoli, MUNYAMBIBI n'abandi benshi ntashoboye kumenya amazina.

Ntibyatinze mu rukerera bagiye mu rugo rwa MUBILIGI, barugezemo bavuza induru bya nyirarureshwa, umuntu bamubwira ko asohoka mu nzu ngo kubera ko bamutumwe na Konseye.

*ORATEUR: BEMERIKI Valerie*

Ni ba nde ba... vugije induru ni abo bari bateye cyangwa ni nyiri urugo?

*ORATEUR: NDAHIRO Jean*

Induru yavugijwe n'abari bateye bayobowe na RUZIGANA na RWAGATORE na GAKWERERE na MUGABO na HABIMANA na MUSENGIMANA na MUNYAMBIBI n'abandi benshi b'ababapagasi b'ibikoresho byabo, bamwe muri bo ubu ngubu bashyikirijwe Brigade ya Remera.
Umuntu rero baramusohoye bamugejeje hanze ntibyatinze bamukubita imihoro, baramujyana bamwicira muri nka metero magana ina... ni uvuye iwe mu rugo, umurambo we bawushyira iruhande rw'uwa NTEZIRYAYO. Hafi mu rukerera, umuntu wababaje abantu cyane ni umuntu witwa RWAKAYIGAMBA wapfuye saa kumi n'imwe za mugitondo, babaza mukuru we witwa Muhamedi aho RWAKAYIGAMBA ari ababwira ko ari mu nzu, uwabibazaga ni RUZIGANA na RWAGATORE bamusohora mu nzu bamugejeje imbere y'urugo bamukubita amashoka, bamutera ibyuma baramutema n'imihoro, intumbi zigarama aho ngaho muri icyo gitondo.

*ORATEUR: BEMERIKI Valerie*

Uko ubona... ubwo bwicanyi se urabona bushingiye ku ki? Urabona... ari bushingiye ku bibazo bya politike... urabona bishingiye ku ki uko wowe ubibona?

*ORATEUR: NDAHIRO Jean*

Iyo umuntu arebye asanga ibibazo by'urupfu rwa bariya bantu bidafututse neza, gusa rero ugasanga umuntu wese uvugisha ukuri, ishyaka yaba arimo ryose agiye kujya azira ukuri kwe.
Bariya bantu ba nyakwigendera bari abagabo bavugisha ukuri, ugasanga rero abantu babishe utavuga ngo ni isyaka iri n'iri, bari mu ishyaka iri n'iri ryihariye gusa icyo nakubwira ni uko amoko yabo aravanze. Umuntu rero uvugisha ukuri muri iki gihe, ntashobora kubaho, abantu bitwikinga ubugizi

bwa nabi ndetse ahubwo bashaka kugira ngo abaturage basubiranemo, badashaka ko inzego z'ubutegetsi zijyaho mu nzira zitunganye nibo bakomeje gupfa muri iki gihugu.

*ORATEUR: BEMERIKI Valerie*

Ubutegetsi bwa Komine Kacyiru se... bwaba bwarabikozeho iki?

*ORATEUR: NDAHIRO Jean*

Abantu bamaze gupfa, abaturage bari hafi twarahuruje duhuruza abantu dufata abagizi ba nabi barimo RWAGATORE barimo RUZIGANA barimo GAKWERERE barimo MUSENGIMANA Karoli, MUNYAMBIBI n'abandi. Abantu batarashyikirizwa ubutegetsi bagombye gufatwa n'abaturage nabo bagashyikirizwa ubutegetsi ni umuntu witwa MUGABO na HABIMANA bo kwa MBURABUZA? Kuko nabo bari muru mantu bishe, MUBILIGI na RWAKAYIGAMBA.

Ubwo rero abaturage ba twarateranye dufata abantu, n'abo ba RUZIGANA barafashwe nta muntu wagiriwe nabi, mu kanya gatoya ndetse Konseye wa Segiteri Kagugu yashoboye guhuruza aba Gendarmerie iraza, haza détachement ya Kacyiru ndetse haza na Brigade ya Remera, aba abari bamaze kugaragara bamaze gufatwa bara barabajyana ubu ngubu barafunze bari i Remera barabazwa. Uh, icyo rero nabwira ahubwo ubutegetsi... bwa Komine Kacyiru, ni uko bwakurikirana abo bagizi ba nabi kuko usigaye usanga abantu babageza muri migo bishe umuntu, bakabagarura bitwaza ko nta muntu wabakurikiranye. Bene abantu barahari, bene imiryango y'aba... ba nyakwigendera barahari nabo bagomba kubikurikiranira hafi ariko ubutegetsi nabwo bukabibafashamo kuko, abaturage bose ntibajijukiwe kimwe. Niba rero Burugumesitiri wa Komine Kacyiru adahagurutse ngo ahagurukire umutekano, abantu bashobora gusubiranamo ugasanga bifashe indi ntera.

Icyo nabwira abantu batuye muri Serire ya Batsinda, nkabwira ndetse n'abantu batuye muri Segiteri ya Kagugu, ni uko bariya bagizi ba nabi bitwaje amarondo atemewe nta burenganzira bwa Konseye bafite, nta burenganzira bwa Komine bafite bagahohotera abantu ku buryo butumvikana.

Biradusaba rero ko abaturage tutakomeza kugwa mu mayeri y'abantu b'abicanyi bafite inyungu zabo tutarame shobora gusobanukirwa.

Umuntu uhamagaye umuntu ninjoro ngo aramushaka ngo amutumwe n'ubutegetsi, akaba maso

akamenya ko atagomba gusohoka mu nzu kuko ashobora kubigwamo.

Birakwiye rero ko ubutegetsi bwa... Komine cyangwa se ubwa Perefegitura y'umujyi wa Kigali bwakoresha inama muri Segiteri ya Kagugu hakiri kare, kugira ngo... bushobora bushobore guhoza bishoboka imiryango y'ababuze ababo, kandi ubizeze ko ankete zizakurikiranwa koko mu buryo bwemewe, ba nyirabwo ba nyiri imiryango y'aba bapfuye bagashira agahinda.

*ORATEUR: BEMERIKI Valerie*

Urakoze.

Musique... 0.1... 0.6

... bya Radiyo RTLM kuva mu gitondo, nababwiraga ko abantu bagenda bumva amaradiyo, amaradiyo yo mu bindi bihugu bakumva ukuntu amaradiyo rwose, abanyamakuru ba ndetse abenshi baba batanageze hano... mu Rwanda, ugasanga baravuga ibintu batahagazeho batazi ndetse ugasanga n'abandi bariho barabaha amakuru ba hano mu Rwanda, bamwe ugasanga baravugira kuri Radiyo y'Abanyamerika ariyo Radio eh... de l'A... mérique "La voix de l'Amérique" ugasanga barabivuga.

Nababwiraga rero umugabo witwa Jean Pierre Martin ntabwo ari Jean François Martin, ahubwo ni Jean Pierre Martin ukora kuri Radio Télévision y'Ububiligi... bita mu magambo ahinnye RTL, ku buryo rero... yajya agera kuri iyo Radiyo akavuga ho ibintu ukagira ngo ni Umunyarwanda ubivuga nyamara kandi Umunyarwanda uba utabihagazeho, iyo usuzumye neza ugasanga rero abo bantu nta kindi baba bagamije ari ugukomeza guteranya Abanyarwanda.

Kuri uyu mugoroba na none hari... Abanyarwanda bambwiye ko bumva amakuru rwose bakurikira amaradiyo yose, umuntu yatugejejeho ibyo rwose yiyumviye ati "mu ma saa tanu n'iminota itanu y'iri joro ryakeye, umuvugizi umuvugizi wa FPR Inkotanyi kuvuga Porte-parole, yavugiye kuri Radiyo y'Abanyamerika "La voix de l'Amerique" amagambo Leta y'u Rwanda yagombye gusobanuza neza FPR. Uwo muvugizi w'Inkotanyi yavuze ko imirwano ishobora kubura, ngo kubera ko ubwicanyi ari bwinshi mu mujyi wa Kigali, atanga urugero rwa Bwana Nyakwigendera GATABAZI Felisiyani

wishwe ari Ministre kandi urwo rupfu akavuga ngo n'abo ruhama ndetse ugasanga aratera mu rya Ministre eh... wa w'u... w'Ubuhinzi n'ubworozi Bwana NZAMURAMBAHO.

Arongera avuga Inkotanyi yo ku Mulindi ngo yarashwe, ngo hagakomereka n'umuntu umwe wo muri MINUAR. Aha... turababwira ko atari ku Mulindi, ahubwo atari n'Inkotanyi imwe ubundi yitabye Imana, yapfuye hariya mu Gasyata n'imirwano yahabereye ahubwo bararenga umwe ku buryo rero Inkotanyi murabizi nimu n'iyo hariya haberaga imirwano, barabicaga bakagenda babakurura babahisha ku buryo batabishoboraga kubi kubibona, ariko kandi aba ngo abantu barashyamiranye nyine tuzi ko ubundi Inkotanyi zigomba kuba hariya... muri CND, ariko ukuntu zijya ku Mulindi ntabwo byumvikana, ubundi zikaza nijoro zitera icyokere abantu baba batazimenyereye batazizi bakibwira ko ari abantu babameneyemo baje kubagirira nabi, kandi nabyo n'ubundi nta wabishira amakenga ko... ziba zitaje kubagirira nabi dukurikije ibyo ba zakoze n'ibyo zikomeza gukora, ubwo rero abantu bakazishisha, baka... bakumva ko bagomba kwirwanaho ariko hagati aho na bo na zo ugasanga zishaka kwenderanya kugira ngo imirwano ibe yakongera kuvuka.

Arongera avuga Inkotanyi yo ku Mulindi nyine ubwo ngo yarashwe, n'umuntu umwe ngo wa MINUAR wakomeretse. Kuba yaratanze ingero gusa z'abantu babiri z'Abanyarwanda bapfuye, nyuma y'isinywa y'amasezerano ya Arusha umuntu yakwibaza bimwe mu bibazo bikurikira.

Ese, ese FPR Inkotanyi yiyibagije ko Abanyarwanda bose bataribagirwa urupfu rw'urubozo n'abashinyaguro Abanyaruhengeri ndetse n'Abanyabyumba bapfuye bishwe na FPR Inkotanyi, hakaba hatarashira iminsi mirongo inani kandi abo bantu bazize ubusa bakaba barenga mirongo ine? Ese ko nta wagiye gutaramana FPR Inkotanyi mu mahanga ku rupfu rw'abo bantu barenga mirongo ine? Ese Leta y'u Rwanda imazi ko imaze iki ko icyo kibazo cy'abantu barenga mirongo ine yacyihoreye? Ese byarayinaniye? Ese ankete ziracyariho zirakomeza? Ese koko Leta ntacyo yabwira Abanyarwanda ku rupfu rw'abo bantu bo mu Ruhengeri barenga mirongo ine bapfuye? Bitabaye ibyo Guverinoma y'u Rwanda ikwiye kwi eh... kwishyuzwa ibitangwaho byose kuko abaturage babona ntacyo yabamariye muri aya mezi atatu ashize.

Ese ko Disimasi NSENGIYAREMYE akiri Ministre w'Intebe yigeze avugira kuri Radiyo Rwanda ko ibimenyetso by'abishe Nyakwigendera Bwana Emmanuel GAPYISI bitangiye kugaragara,

uwasimbuye NSENGIYAREMYE ntiyari gukomereza aho ngo agire icyo atangariza Abanyarwanda agire icyo ababwira muri aya mezi umunani amaze ayobora Guverinoma?

Ese Leta ivugana na FPR ko umuntu atayobewe atayoberwa umwibye ahubwo ayoberwa aho amuhishe? Leta irakomeza guhishira FPR, izakomeza kuyihishira bizageza ryari? FPR yishe Burugumesitiri RWAMBUKA ibimenyetso ni byinshi, ku... kubamwishe kenshi Radiyo MUHABURA yagiye ibivuga, ntacyo Leta yakoze. FPR yishe eh... nyakwigendera GAPYISI Emmanua ama Emmanuel, amagambo yavuze na Radiyo MUHABURA kimwe na ba TWAGIRAMUNGU ubwo uriya nyakwigendera GAPYISI yari amaze guhotorwa ko... kubera ko yayoboraga "FORUM PAIX ET DEMOCRATIE" yaribagiranye.

Amagambo Radiyo MUHABURA yavuze kuri mu eh... kuri Nyakwigendera GATABAZI Felisiyane amaze kuvugwa ko urugomo rw'amashanyara amaze kuvugwa ko urugomero rw'amashanyarazi rwa Mukungwa rwarashwe na FPR Inkotanyi, na yo yagombye gushinja FPR ku rupfu rwa Nyakwigendera GATABAZI.

Ese kuki umuvugizi wa FPR ejo atigeze ahingukiriza abumva Radio yitwa "La voix de l'Amerique" urupfu rwa Nyakwigendera Bwana BUCYANA Maritini? Ni uko FPR itabi itabizi se? Cyangwa ni uko BUCYANA Maritini yishwe n'abavuga rumwe na yo aribo babikoze hariya muri Komine Mbazi. Ese no gukora ankete z'ibyabaye ku mugaragaro ndetse ku manywa y'ihangu, byananiye Guverinoma ya Agata? Ubwo bazakora bate ankete yiba nijoro? Mbese muri make Guverinoma y'i Rwanda, y'u Rwanda ni yegere FPR iyisobanuze neza iby'amagambo y'umuvugizi wa FPR Inkotanyi, yaraye atangaje asobanura kuko ameze hafi nk'ayo NZAMURAMBAHO Ferederiko ukorana cyane n'Inkotanyi yavuze ku rupfu rwa Nyakwigendera Bwana GATABAZI Felisiyane.

Ubwo koko imirwano niyubura, Guverinoma izavuga ko yamariye iki Abanyarwanda? Niba FPR n'abanywanye na yo bafite ibimenyetso simusiga eh... ku bishe Bwana GATABAZI Felisiyane, bagiye mu nki bagiye mu nkiko ko bagiye mu nkiko ko zihari ziyoborwa na KAVARUGANDA nk'uko

yabyivugiye maze imizinga ikavamo ibyibano? K0141902

Muzatangara nimusanga urupfu rwa GATABAZI, GAPYISI, RWAMBUKA, BUCYANA n'Abanyaruhengeri barenga mere mirongo ine bahama FPR n'abambari bayo. Ibi rero nta kubitindaho na Perezida w'ishyaka PL yarabivuze ati "muzatangara, muzatangara muzatangara nyamara abagumya kuhishira FPR, uhishira umwanzi akakumara ku rubyaro, uhishira umurozi akubyara akakumara ku rubyaro.

Ubu rero ndabamenyesha ko dufite saa sita n'iminota hafi ibiri, murabizi ko duhagarika ibiganiro byacu i saa sita, ubu rero iki bintu maze kubabwira mushobora kubitekerezaho, abafite icyo babitekerezaho bakaba babigeza kuri Radiyo RTLM.
Nabibutsaga rero ko muri iki gitondo mwiriranywe na BEMERIKI Valeriya, afatanyije ku buhanga bw'ibyuma na NTEZIMANA Yohani. Tubaye tubasezeyeho rero, muraza kongera guhura n'abandi banyamakuru nimugoroba. Mwiriranwe amahoro n'amahirwe.
Hymne National...3.9...4.

*ORATEUR: HITIMANA Noheli*

... n'iminota makumyabiri n'irindwi hano i Kigali, nshuti mwumva Radiyo yanyu Radiyo RTLM cyane cyane ingabo, ingabo abari kuri position mwese abari mu bigo, mu bigo byose abari ku kazi abari ku izamu mwese, mwese mwese murumva ko Radiyo RTLM ni Radiyo yanyu tugomba kubaha morale mukagira morale nk'uko muri kutwandikira, mfite amabarwa hano menshi y'abasirikare ambwira ati "aho turi hose ari i Byumba, ari i Kibungo, ari i Butare, ari ku Gikongoro, ari i Cyangugu, ari gutu ari ku Kibuye ari i Kigali ari mu Bugesera ari hehe ya Nyamata, ah bose bose bari kunyandikira bavuga bati "dufite morale" morale rero nta (inaudible) mwana wa mama, niko bigomba kumera radiyo yacu igatanga morale. Yumvise n'andi maradiyo afite abayo abawo za morales. Eh ubu rero natwe twajabutse byakomeye, byakomeye kandi nibabikomeza bizakomera.

MUKANOHELI Vesitina, UWASE YEEE KAREMANKIMA eh KAREMANTIMA na... MUKA...

K0141903



MPA MUKAMAZIMPAKA, MUKAMAZIMPAKA Kolodina (Claudine) ya... ti "izo ni Impuzamugambi he kazi (arasetse) nimwumve ako kaziki, mwumve umuzika (arasetse) mu kanya ndi buze kubasomera ibarwa y'umugabo witwa Epimake MUNYO eh... MBONYUBWABO, MBONYUBWABO Epimake Enseignant à Nyagasozi, Komine Ramba ku Gisenyi, afite ibitekerezo byiza. (Musique en LINGALA 6.1... 16.9)

Fin de la cassette.